REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Dr. Ngirente Edouard

Mu birori byo kwizihiza ku nshuro ya 17 umunsi mukuru wo gushimira abasora ku rwego rw'Igihugu

Intare Conference Arena, ku wa 29 Ugushyingo, 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri mwitabiriye uyu muhango,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**
- **Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,**
- **Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda n'abikorera mwazanye,**
- **Bayobozi bo mu Nzego zitandukanyemuri hano,**
- **Bafatanyabikorwa mu iterambere,**
- **Batumirwa mwese mwitabiriye ibi birori,**

1. Mbanje kubasuhuza. Mu izina rya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, nejejwe no kwifatanya namwe muri ibi birori byo kwizihiza ku nshuro ya 17 umunsi mukuru wo gushimira abasora ku rwego rw'Igihugu.

2. Umunsi nk'uyu, ni umwanya mwiza wo kwishimira ibyo twagezeho nk'Igihugu, tubikesheje umusaruro mwiza waturutse mu misoro n'amahoro mu mwaka ushize wa 2018/2019. Guverinoma y'u Rwanda irashimira abantu bose babigizemo uruhare, batanga imisoro n'amahoro, bakabitanga neza kandi ku gihe.

3. Nk'uko byagarutsweho mu kanya, turishimira ko umwaka ushize wa 2018/2019, kimwe no mu yindi myaka yashize, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyarengeje intego cyari cyahawe ndetse nacyo cyayihaye. Imibare yagarutsweho mu kanya kashize, twayumvise twese.

4. Nk'uko kandi Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi amaze kubyibutsa, imibare itwereka ko uruhare rw'imisoro n'amahoro mu musaruro mbumbe w'Igihugu (GDP) narwo rugenda ruzamuka. Yibukije ko mu mwaka wa 2018/2019, imisoro n'amahoro byinjiye bingana na 16.3% by'umusaruro mbumbe w'Igihugu.

Nk'uko biteganyijwe muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere 2017-2024 (NST1), tuzarushaho kongera ingano y'imisoro yinjira buri mwaka, ku buryo mu mwaka wa 2024 izagera kuri 20.4% by'umusaruro mbumbe w'Igihugu.

5. Kugira ngo ibyo bigerweho, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho ingamba zitandukanye zirimo izi kurikira:

(i) Koroshya ikiguzi cy'ishoramari mu Gihugu;
(ii) Kunoza uburyo bwo gukusanya amafaranga akomoka imbere mu Gihugu;
(iii) Kongera no gusana ibikorwaremezo;
(iv) Guteza imbere ibikorerwa iwacu (Made in Rwanda); no
(v) Kurushaho kongera umusaruro w'ibicuruzwa twohereza ku isoko mpuzamahanga ndetse no kubyongerera agaciro, kugira ngo biziyongere nibura ku kigero cya 17% buri mwaka.

6. Mu rwego rwo kurushaho kandi kwigira no kwigenera ejo twifuza, u Rwanda rwashyizeho icyerekezo 2050. Muri iki cyerekezo ubukungu bw'Igihugu buzaba bugeze ku rwego rwo hejuru (high-income status), naho mu 2035, u Rwanda rukazaba rufite ubukungu buringaniye (upper-middle-income status).Bimwe mu bizatuma tugera kuri iyi ntego, ni ugukomeza kwagura ishingiro ry'imisoro hagamijwe gukomeza kwihaza ku buryo busesuye mu ngengo y'imari y'Igihugu cyacu.

- **Banyacyubahiro muteraniye hano,**

- **Bashyitsi bahire,**

7. N'ubwo hari byinshi twishimira ko tumaze kugeraho mu gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu cyacu binyuze mu misoro, turacyakeneye gutera izindi ntambwe kugira ngo tugere aho twifuza nk'Igihugu. Ni muri urwo rwego mboneyeho gusaba abadatanga imisoro neza ndetse n'abatayitanga na gato, kwisubiraho bagahindura imyumvire bakumva inama bagenzi babo batanga imisoro neza babagira, ndetse bazibagiriye mu kanya, kandi bakumva ko gutanga imisoro ari inshingano ya buri wese.

8. Mboneyeho umwanya wo gushishikariza abasora kwitabira gukoresha ikoranabuhanga no kurikoresha neza, barushaho gukoresha imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi (Electronic Billing Machines) kandi birinda no kunyereza imisoro haba ku bushake cyangwa habayeho uburangare.

Ndashishikariza abaguzi twese kugira umuco wo kwaka inyemezabuguzi itanzwe n'iyo EBM mu gihe cyose tuguze, bityo tukaba dutanze umusanzu mu kwiyubakira igihugu.

9. Muri aka kanya, nagira ngo nshimire byimazeyo Urugaga rw'Abikorera (PSF) nk'abafatanyabikorwa b'ingenzi ba Guverinoma y'u Rwanda. Umusanzu wanyu mu kubaka Igihugu ni ingirakamaro kandi twese turawushima, nta gushidikanya.

10. Turabasaba gukomeza gufatanya na Leta y'u Rwanda mu nzira y'iterambere twiyemeje. Imisoro itanzwe nk'uko twabyeretswe kare, ni yo igaruka igakora ibikorwaremezo byongera bigafasha mu guteza imbere ubucuruzi n'ibindi bikorwa dukora. Ni imisoro rero itugarukira kandi igatuma n'Igihugu gitera imbere. Ku basora neza bamaze guhabwa ibihembo, nizeye ko ibyo bihembo bigiye kubongerera imbaraga zo gukomeza gutanga imisoro neza, muharanira kuba indashyikirwa.

11. Mu gusoza, ndashimira by'umwihariko abaturarwanda bose kubera uruhare bagira mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu binyuze mu gutanga imisoro n'amahoro. Guverinoma y'u Rwanda ibijeje ko izakomeza kunoza uburyo imisoro itangwa.

12. Kandi nagiraga ngo nongere mbwire abikorera bateraniye hano ndetse n'abatari hano, ko ibibazo mwatugejejeho n'ingorane muhura nazo, mwasabye ko Leta yabafasha gukemura, bigiye kwigwa ku buryo bwihuse cyane kandi mukazabona ibisubizo bikwiye.

13. Nongeye kwifuriza abasora bose umunsi mwiza. Ndashimira kandi abantu bose bagize uruhare mu gutegura uyu munsi mukuru wo gushimira abasora.

14. Mukomeze kugira ibirori byiza byo kwishimira uruhare mugira mu iterambere ry'Igihugu cyacu, ari nako mukomeza kuzirikana ko gusora neza ari byo bizadufasha kubaka u Rwanda twifuza, tugana mu cyerekezo twifuza.

Murakoze, ndabashimiye cyane!